*f. c.*



K0165433

| | |
|---|---|
| ***Identification*** | ***: C.51/K95 29/03/94 0185*** |
| ***Durée*** | ***: 60 Minutes*** |
| ***Qualité*** | ***: Bonne*** |
| ***Transmission*** | ***: RTLM*** |
| ***Nom du transcripteur*** | ***: UWAMAHORO M.Vianney*** |
| ***Date de la transcription*** | ***: Le 11-12/05/2000*** |
| ***Nom du fichier*** | ***: 0185.wpd*** |
| ***Dictaphone*** | ***: Sanyo***<br>***Modèle TRC-8080***<br>***Série P8806620*** |

# RESUME DE LA CASSETTE N° 0185

***Face A :***

* Interview de MBARUSHIMANA, procureur général de la cour d'appel, par Gahigi, le rédacteur en chef de la RTLM, à propos de refus aux convocation des tribunaux par le ministre NZAMURAMBAHO, président actuel du PSD.

* Entretien de GAHIGI Gaspard et Ananie NKURUNZIZA et ce dernier rapporte son entrevue avec la population de Gikongoro. Cette entrevue était centrée sur les auses de la pauvreté et la famine de la population de cette région.

***Face B :***

* Hymne national.

* Kantano et Noël font un commentaire sur la convocation de ce dernier au parquet.

* Kantano parle d'une manifestation des étudiants d'ISFP (Institut supérieur des finances publiques) sur la route vers Mburabuturo.

* Kantano parle d'un vol des frais de transport par un chauffeur d'autobus d'ONATRACOM.

***FACE A***

***Orateur : GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef à la RTLM.***

...shaka, bita mu gifaransa la mauvaise foi ni ibintu ahandi byirukanisha umutegetsi ndetse agahita avana burundu akarenge muri politike.

***Orateur : Emmanuel RUCOGOZA, journaliste de la RTLM.***

Dufite i saa moya zirenzeho iminota mirongo ine n'umwe n'amasagonda make muri studio zacu. Nshuti mutwumva rero e... uwo mwumvaga yari Gahigi wagize... wagize icyo avuga ku magambo yavuzwe n'uriya mutagarugori, rwose uriya mugore Nyiramiyaga, umugore w'imvuziyamenshi, ruhoramumagambo usigaye uri Rutabikangwa, rwose amaze kurambirana mu gihugu cyacu kuko imyifatire ye ntago ikwiriye umutegarugori, ntabwo ikwiriye umutegarugori, Umunyarwandakazi wiyubaha.

Nshuti mutwumva rero amakuru yacu aracyakomeza, abantu bamaze iminsi bahwihwisa ko NZAMURAMBAHO Ferederiko, Perezida w'ishyaka PSD bamutumiye muri anketi z'urupfu rwa Gatabazi Felisiyane akanga kwitaba. Yanze kwitaba koko nk'uko Procureur général w'Urukiko Rusesa Imanza, Bwana MBARUSHIMANA Bonavanture amaze kubitangariza Bwana GAHIGI Gaspard, Rédacteur en chef wa RTLM. Ndagira ngo e... mumukurikire.

***Orateur : GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef à la RTLM***

Abantu hanze aha bahwihwisa ko Bwana NZAMURAMBAHO Ferederiko, Perezida w'ishyaka PSD bamutumiye muri ankete zerekeranye n'urupfu rwa Nyakwigendera GATABAZI Felisiyani wari Umunyamabanga Mukuru w'iryo shyaka. Nkaba ngize Imana rero mbonye MBARUSHIMANA Bonavanture, Procureur général wa Cour de cassation nkagira ngo Bwana Procureur général utubwire koko niba ibyo bintu abantu bahwihwisa ari byo, niba waratumiye Bwana NZAMURAMBAHO Ferederiko Perezida w'ishyaka PSD akanga kukwitaba.

***Orateur : Bwana MBARUSHIMANA Bonavanture, procureur général auprès de la Cour Suprême.***

Bon e... murakoze GAHIGI, e... koko ibyo mwumvishe ni byo uko e... Ministre NZAMURAMBAHO Ferederiko yaratumijwe koko ariko mbere y'uko umunsi wo kwitaba ugera hari abantu bahwihwisaga bavuga ko ngo ntazigera yitaba. Jye numvaga... bidashoboka ko umuntu yakwanga kwitaba cyane cyane igihe adafite ibyo yikega. Ibyo wumvise rero ni byo e... yaratumijwe ntiyitaba. Ariko rero bikaba bibabaje cyane e... muri iki gihe kubona abategetsi bamwe na bamwe umuntu abatumira akurikije amategeko bakanga gusubiza, kandi amategeko avuga ko nta wuri hejuru y'amategeko uwo ari we wese. Ikindi kandi kibabaje ni uko mu gihe habaye amananiza nk'ariya abantu benshi, abo ari bo bose, baba abategetsi, baba abaturage, bagombye kugeza ku babishinzwe ikintu cyose cyafasha ubucamanza kugera ku kuri ku buryo abagirana... abagiranabi bakurikiranwa.

- Bwana Procureur général uvuze ko yanze kwitaba nibuka ko mu masezerano y'Arusha bavuga ko u Rwanda ari igihugu kigendera ku mategeko ko nta muntu rero ugomba kuba hejuru y'amategeko, akomeje kwanga kwitaba igihano mwamuhanisha ni ikihe?

- E... murakoze, ubundi mu mategeko bavuga ko umuntu uhamagawe... n'u... n'umutegetsi cyane umutegetsi w'umu...camanza, umuntu ahamagawe mu rukiko ntiyitabe ariko cyane cyane muri parike igihe ahamagawe ntiyitabe ashobora guhanishwa igifungo... e... cy'icyumweru cyangwa se ihazabu y'amafaranga ibihumbi bibiri. Cyakora simfite itegeko hamwe nanjye ubu ngubu kuko mfatire mfa... e... (arimyoje) duhuye ntabyiteguye ubundi amategeko yacu ahana ateganya uko uwo muntu yahanwa. Ariko rero ndagira ngo nkongerereho ko mu minsi iri imbere e... amasezerano y'Arusha natangira gukurikizwa bene bariya bategetsi bitazaba byemewe e... ko bafungwa by'agateganyo. Ibyo ntibibuza ko abo bantu batafatwa ngo bahanwe ariko rero muri iki gihe cya politike turimo e... wasanga abantu bavuga ko umuntu afashwe kubera ishyaka iri n'iri arimo cyangwa se kubera

ibitekerezo kanaka uyu n'uyu afite, buri muntu akaba agomba kubigendamo yitonze. Nkaba rero nk'uko amategeko dukurikiza ateganya ko iyo umuntu yanze kwitaba urukiko cyangwa se parike ahanwa e... ariko njye ubu nkaba ntabifite mu... nkaba ntabifite ngo mbigusomere byose.Urakoze.

- Hari akantu uvuze nagira ngo wenda abatwumva basobanukirweho gato, uravuze uti "iyo bahamagaye umuntu w'umutegetsi" uti "cyane cyane nta cyo yikeka" uti "yari akwiye kwitaba", ku bwawe se Bwana Procureur général urabona NZAMURAMBAHO nta kintu yakwikeka kandi mu rupfu rwa Gatabazi bari hamwe mu nama bagatandukana ndetse yagera mu rugo akumva ngo imbunda akavuga ko zavugiye kwa GATABAZI kandi ari Perezida w'ishyaka undi yari abereye Umunyamabanga ntajyeyo ndetse bikazageza mu ma saa yine ataragerayo urumva uwo muntu nta cyo yikeka?

- E... icyo kibazo kirakomeye cyane ariko rero nagira ngo nkubwire ko n'iyo naba nkeka ko Ministre NZAMURAMBAHO afite icyo yikeka nkaba mbizi ntabwo nabikubwira kuko ngomba gukomera ku ibanga ry'akazi, bone n'iyo naba mbizi sinabikubwira. Ubwo nabimenya ku giti cyanjye nkashakisha ibyamfasha nkurikije ibyo ntekereza. Ariko rero n'iyo byaba ari byo, biba byo bitaba byo, jyewe nti... simfite uburenganzira bwo kubikubwira.

- Koko ni ibanga ry'akazi uti "ntabwo nabikubwira"nanjye ndabyemeye, ariko se abatwumva bazi uko mwatangiye ankete wenda we kutubwira niba... aho zigeze niba hari icyo zifata, urabona hari icyo zizafata ziri mu nzira nziza ?

-Ye... ubwo umuntu yabyizera kuko ibintu birimwo abantu benshi yego, simvuga ko... e... abo bantu benshi ari bo bizatuma bigenda neza byanze bikunze ariko umuntu yabyizera kuko... hari na Parike, hari na Gendarmerie hakaba na Parquet général ya Cour d'Appel y'i Kigali, ngira ngo quand même abantu bose nta kuntu babura ibintu u... byafata abantu baba barakoze ayo marorerwa. Jye nizeye ko ibintu birimo abagabo nk'abo ngabo, abagabo umuntu yakwizera abagabo b'inararibonye bagombye kugira icyo bageraho kigaragara. Nizeye ko bitagombye kuba nk'i..bya ba (inaudible)

cyangwa se nk'ibya ba GAPYISI, rwose nizeye ko ibi bintu byagombye kugira icyo bigeraho.

***Orateur : Emmanuel RUCOGOZA.***

Uwo mwumvaga ni Procureur général w'Urukiko Rusesa Imanza, Bwana MBARUSHIMANA Bona... Bonavanture mu kiganiro yagiranye na Bwana GAHIGI Gaspard, Rédacteur en chef wacu. NZAMURAMBAHO Ferederiko "wigize akari aha kajya he" hano i Kigali yanga kwitaba ubutegetsi ariko no ku Gikongoro ntiyoroheye abaturage b'ako karere ku buryo asigaye abarirwa mu byago byugarije Gikongoro nk'inzara n'indwara ziyiturakaho. Mwumve ikiganiro Gahigi Gaspard yagiranye na NKURUNZIZA Ananiya wari uvuye gukora iperereza ku Gikongoro aho NZAMURAMBAHO FeredAriko avuka.

***Orateur : GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef à la RTLM***

Nshuti mutwumva ndabashuhuje ni Gaspard GAHIGI ubasuhuje, Perefegitura ya Gikongoro yugarijwe n'inzara, amakomine cumi n'atatu ayigize yose ubu ngubu yugarijwe n'icyago cy'inzara, abantu inzara irabahitana cyangwa bagahitanwa n'indwara zisonga nyine abashonje nka malariya n'amacinya. Ariko uretse icyo cyago cy'inzara kivugwa muri Perefegitura ya Gikongoro haravugwa n'ikindi kibazo cya politike nkaba rero ndi hamwe na NKURUNZIZA Ananiya mumaze kumenyera, NKURUNZIZA Ananiya akaba avuye ku Gikongoro ibyo by'inzara yarabibonye ntabwo niririwa mbigarukaho ariko NKURUNZIZA Ananiya uvuye ku Gikongoro akambwira... akababwira mwe mutwumva ati "GAHIGI uretse icyo cyago cy'inzara" ati "hari ikindi cyago cyugarije Perefegitura ya Gikongoro" ati "ni umuntu witwa NZAMURAMBAHO Ferederiko, Perezida w'ishyaka PSD". Bwana NKURUNZIZA uvuye ku Gikongoro waganiriye n'abaturage, NZAMURAMBAHO na we abaye icyago nk'inzara?

***NKURUNZIZA Ananiya, Journaliste de la RTLM***

Murakoze Bwana GAHIGI, mbanje gusuhuza na none inshuti zumva RTLM, ikibazo cy'inzara y'i Gikongoro, ni ikibazo jye mbona ko atari icya Perefegitura ya Gikongoro gusa, atari icy'u Rwanda rwonyine, ahubwo ari ikibazo cy'abagiraneza bose bo ku isi nk'uko kandi na bo babihagurukiye

gufasha abaturage b'iyo Perefegitura bari mu kangaratete. Iyo Perefegitura koko rero irashonje ifite icyago urebe nawe Perefegitura ishonje yose y'amakomine uko ari cumi n'atatu akaba ashonje. Yego... ntabwo ashonje kimwe hari nk'Amakomine amwe y'u Bufundu nka Mudasomwa yegereye ishyamba, agace kegereye ishyamba usanga abaturage baradunda... baradundaguje kurushaho, hariho amakomine e... yo muri Nyaruguru ahinga ibyayi usanga abaturage b'aho baradundaguje kubera ko bagiye babona udufaranga bakatujugunya mu isoko, hariho amakomine nka Komine imwe twavuga ya Kinyamakara ifite agapande kegeranye n'umugezi wa Mwogo aho na ho abaturage bashotse ibishanga baradundaguza ariko muri rusange rero ugasanga iyo Perefegitura yarazahajwe n'amapfa. Izahajwe n'amapfa e... ku buryo abagiraneza bagumye guhurwa ariko bikaba iyanga ayo mapfa n'inzara yica abantu e... urugero twafata ni nka Komine ya Karama yo mu Bufundu iriya... ee... iri muri za... e... hafi aho ngaho muri Perefegitura rwose hakurya aha gatoya ugana mu Rukondo yapfushije abaturage magana na cumi na barindwi.

Ni ko kuvuga ko mu kwezi kwa cumi na kabiri k'umwaka ushize yapfushije abaturage ijana na mirongo urwenda na barindwi nk'uko wabivugaga bishwe n'inzara cyangwa se bagahitanwa n'indwara e... zisumbiriza abashonje. Mu kwezi rero kwa mbere na none muri iyo Komine yego abapfuye baragabanutse ariko nabwo barapfuye ni benshi cyane ugere... ufashe imibare e... abantu bapfuye ijana na makumyabiri baba ari benshi cyane. U... ubwo rero iyo Perefegitura umuntu yayihururiza, abumva Radio RTLM ni Radio RTLM mwazirikana ko abo bavandimwe bacu bashonje.

Nk'uko... mbazaga wabibazaga rero abantu bagira icyago akarere kagira icyago e... mu byago navuga mu bibazo iyo Perefegitura yagize ee... na Ministre NZAMURAMBAHO ari mu batumye ibyo bibazo bikomera, ndetse rwose bitari ukumuvuga nabi navuga ko na we yabereye ako karere ikibazo, ni ho akomoka Ministre NZAMURAMBAHO avuka muri Komine ya Rukondo. Komine ya Rukondo iragenda igakora ku mugezi wa Mwogo ndetse ikagabana na Nyabisindu. NZAMURAMBAHO rero ni Ministre w'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba akaba akomoka muri Perefegitura ya Gikongoro, iyo Perefegitura ifite ibibazo by'inzara. Tumaze kubona ko ibyo bibazo

by'inzara e... byagiye bikomoka ku zuba ahanini ryacanye ariko abaturage bakaba baradundaguje.

Ubundi iyo izuba ricanye ikintu umuntu yagiraho inama abaturage ni ugushoka ibishanga. Ese NZAMURAMBAHO yabonye akanya ko kubwira abaturage b'iwabo ngo bashoke ibishanga? Yari kubabwira ate se ngo bashoke ibishanga igishanga cya Mwogo yaragifashe wenyine akagifatamo hegitare mirongo ine. Ndagira ngo nibutse ko hegitari mirongo ine? Mu by'ukuri ku masambu y'ubu yabuze zishobora gutunga imiryango mirongo itadandatu. Niba umuryango umwe ubamo abantu umunani icyo gishanga NZAMURAMBAHO yafashe akagishyiramo inka ze cyajyaga gutunga abaturage nabura magana ane na mirongo inane, n'iyo babona ibyo kurya aho ari bakaba badundaguza muri iki gihe cy'inzara. Icyo ni kimwe gituma mvuga yuko NZAMURAMBAHO yabereye Abanyagikongoro ikibazo.

Ikindi kibazo cyabayeho kuva twagera muri politike y'amashyaka menshi NZAMURAMBAHO yitabiriye amashyaka, yitabiriye kwamamaza ishyaka rye kurusha uko yamamaje ubuhinzi, nabura ngo abwamamaze no muri iyo Perefegitura ye. Koko kandi ibyo abaturage bose, Abanyarwanda bose barabyibuka hatangiye ibohoza. Babohoza amashyamba, bo ndetse baranayatwika muzi ukuntu igiti kigira uko.., kigira umumaro, muzi ukuntu abaturage b'Abanyagikongoro bakunze kuboneka ahantu hose ndetse bagenda babaza n'imbaho o... bo bazi akamaro k'igiti kurushaho. Ariko muri iyo nkubiri y'ibohoza ni bo bashoboye gutwika amashyamba. Singaya abaturage ubwabo ngo mvuge ngo ni bo bibwirije ariko rero icyo gihe byari biri muri politike y'abakuru b'icyo gihe y'amashyaka arwanya ubutegetsi, politike yo kubujegeza. NZAMURAMBAHO rero yatwikishije amashyamba ku Gikongoro.

Icyo gihe... si ugutwikisha amashyamba yakoze gusa ahubwo yabohoje n'Aba bourgmestres, bose akavuga yuko umu bourgmestre utazajya muri PSD azanyagwa. Ndetse e... si n'aba bourgmestres gusa n'abandi bakozi na cyane cyane ko benshi bakoraga muri iriya mishinga tuza kugeraho y'ubuhinzi e.. .n'ubworozi iri muri Perefegitura ya Gikongoro. Ku ba bourgmestres rero cumi na batatu bose, twavuga ko babiri e... cyane cyane abo mu Buyenzi bari muri MDR, abandi basigaye

bose bari muri MRND cyokora ngo NZAMURAMBAHO arababohoza ku mbaraga ngo kugira ngo baramuke bajya muri PSD. Iyo hajemo igitekerezo cyo kubohoza umutegetsi mu by'ukuri uriya mutegetsi asa n'udohotse ndetse abaturage bamutukishije ntabe acyongeye kubegera ngo abe yabakangurira icyo ari cyo cyose mu buryo twakita mu gifaransa encadrement. Ngicyo rero ikindi cyago NZAMURAMBAHO yateje Gikongoro.

Navugaga... ibyerekeranye n'imishinga iri muri Gikongoro kandi imyinshi iyo mishinga e... twavugamo nka... nk'umushinga uriya... (inaudible) reka ndebe aho byanditse, reka ndebe aho byanditse, umushinga...

***Orateur : Non identifié***
Witwa DANK.

Yee, ubu uyoborwa na MUTIJIMA. Uwo ni umushinga na we witabira iby'ubuhinzi, twavuga umushinga wo bita PDA...PDAG ubu uyoborwa na RUHIGANA, twavuga umuhi... umushinga uyobo... witwa PA... ee... PASP uyoborwa na NYANDWI Désiré ari na we wasimbuye NZAMURAMBAHO muri uwo mushinga. N'undi bita Unité... oya uwo mushinga utegekwa na... na NYANDWI ari na wo NZAMURAMBAHO yahoze ategeka ataraba Ministre ni wo bita Unité de gestion III. Abakozi b'iyo mishinga bose rero aho kugira ngo na bo begere abaturage babakangurire amajyambere, babakangurire gushoka ibyo bishanga ibiriho bike, uretse icyo NZAMURAMBAHO yafashe abo baturage bose rero, abo bakozi bose na bo bashowe mu bintu byo kujya kubohoza, byo kujya kwamamaza ishyaka muri Perefegitura yose, e... imodoka ari amakamyo, ari amavatiri, e... cyane cyane amakamyo ni yo twavuga yo gutunda... amafumbire aho kugira gute ahubwo aratunda abarwanashyaka abavana cyangwa abajyana muri za meetings. Icyo ni icyago e... cya... gatatu NZAMURAMBAHO yateje Perefegitura ya Gikongoro. Aho bigeze aha ngaha rero hari undi mushinga umukuru wawo amaze iminsi kuri radio avuza e... ahuruza, umushinga wo bita Crète Zaïre-Nil, uwo mushinga na wo NZAMURAMBAHO rero yawugezemo.

Awugezemo ashaka gusimbura ku buryo butemewe n'amategeko umukuru wawo washyizweho na Perezida wa Repubulika byemewe n'Inama ya Leta, NZAMURAMBAHO ashaka kumusimbuza umuntu bita BAKUNDUKIZE w'Umututsi w'i Kaduha, ndetse wo bita extrémiste ukorera FPR. Abaturage rero babibonye batyo basanga ibyo bintu bikabije, basanze bikabije ni bwo bagize bati "i... e... ntabwo mwadutwara umutegetsi ngo mutuzanire undi tutazi impamvu ze". Ubwo bitangiye gushyamirana, ni abaturage ubwabo bashyamiranga, bamwe ba NZAMURAMBAHO agatsiko ke bashyigikiye uwo mukandida we mushya n'abandi benshi bashyigikiye Directeur w'uwo mushinga wari uriho kandi ukora neza, ni bwo bashyamiranye abashinzwe umutekano boherezayo Umutwe w'abajandarume kugira ngo abaturage batazavaho bagira ibibazo bakaba barwana bapfa ubusa. Igitangaje rero inshuti za RTLM mutwumva ni uko NZAMURAMBAHO yaciye inyuma akaza kubwira Majoro wo ku Gikongoro uwo bambwiye ati "bariya bajandarume washyize hariya uzabahavane". Majoro wo ku Gikongoro ati "nahabashyize bivuye mu Nama y'umutekano ya Perefegitura kandi abo bajandarume nta cyo batwaye". Bibaye nabura niba yarabaregaga ati "bara...sagarira abaturage"! Nyamara ngo yaba yaraciye inyuma ajya kwa Chef d'état major wa gendarmerie i Kigali aramubwira ati "uwo Mutwe w'abajandarume kwiye kuwuhakura". E... bambwira ko ngo... uwo mutegetsi yamushubije yuko ibyo kuyobora imitwe mu maperefegitura bitamureba ko ari ikibazo cyabazwa abo yashinze abajandarume mu turere dutandukanye. Aha rero nta wamenya icyo NZAMURAMBAHO yashakaga kugeraho.

N'uwo mushinga rero wa Crète Zaïre-Nil ashaka gusenya nk'uko mu by'ukuri yatobanze riya ee... kikaba ari icyago cya kane ashaka... akomeje guteza Perefegitura ye Gikongoro. Muri uwo mugambi we rero eu... wo kugumya kuzambya Perefegitura, usibye Perefegitura ntaba aretse n'igihugu tuzi hirya no hirya... hirya no hino abakozi agiye yirukana abaziza ko badafite ikarita y'akazi, abenshi baje kubimenya nyuma iyo karita barayifata bibonera amahoro. Usanga rero uwo mugabo uretse kuba yarazambije nako ni ugusonga iriya Perefegitura abifatanyije n'izuba n'ahandi mu gihugu yaragiye azambya ibintu.

*Orateur : GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef à la RTLM*

Ananiya rero urakoze uvuye ku Gikongoro, si jye wavuze ni Abanyarwanda bivuze ko ngo "akamasa ka...zaca inka ngo kazivukamo". NZAMURAMBAHO uvuze yasonze iyo Perefegitura igishanga arabanza aragifata, ikindi iyo Perefegitura ishonje aho yakanguriye abantu iby'ubuhinzi abakangurira gusa ibya politike ishingiye ku kubohoza. None rero Bwana Ananiya waganiriye n'abaturage abo bantu bashonje, abo bantu NZAMURAMBAHO yatwaye ibishanga, abantu NZAMURAMBAHO yatumye batwika amashyamba wumva bakimufiteho amaboko? Cyangwa batekereje ukundi?

- Ubwo nagezeyo u... narabajije cyane cyane urabona yuko hagati aho ibi tuvuga byose e... hagiye hazamo n'ibindi byago by'impurirane e... muri ako karere navuga cyane cyane n'ubwo u Rwanda rwose rwapfushije no muri ako karere bagize ibyago bindi by'umwihariko bapfusha Umunyamabanga Mukuru w'ishyaka PSD tuzi twese rihiganje, apfa ndetse akurikirana na... Perezida wa CDR Maritini BUCYANA na we waguye muri ako karere. Aho rero byabaye impurirane y'akaga kuko e... nta wabihisha abaturage bo muri ako karere bagize ibyago by'umwihariko n'ubwo mu gihugu hose ibyo byago byahageze.

Bambwiye rero u... ko NZAMURAMBAHO kuva GATABAZI yitaba Imana atari yongera gukandagira muri ako karere k'iwabo. Ntabwo ee... nashoboye... nashoboraga kwemeza niba koko ibyo bambwiye ari byo kuko yashoboraga kuza ninjoro nabura agasura inka ze akongera akigendera! Ubwo rero akazavuga ati "narahakandagiye"! Ariko ku buryo bw'umugaragaro yari atarahakandagira.

Ikindi naje kubona rero ni uko abaturage abenshi bari bamufitiye icyizere u... yari yarana... ari bamukurikiye mu ishyaka aharaho bagira bati "ni ishyaka ri...fitwe n'umuntu w'iwacu, Perezida ni uwacu reka natwe tumukurikire", abenshi ndumva, uko nakurikiye amajwi yabo twaganiriye, abenshi baragira bati "yaradutatiye. Aradutatira", ibyo ariko bijyana n'Urwego rwa politike kuko n'iryo shyaka rye yari amaze iminsi aryegetse kuri FPR kuko twakomeje kumwumva kuri Radio Rwanda ndetse na Radio y'Inkotanyi atemberera ku Mulindi azanamo ako kaduruvayo urumva... iyo nzara

yabateye e... ku mpamvu twahoze tuvuga zose na we arimo ndumva nta cyo bavuga yabagobotse e... nabazaga rero abenshi bakambwira bati "ibya PSD n'ubwo tutatanze amakarita ariko ntitukibireba", ndetse usanga basa n'abigiriye muri iriya ya... icyo dusigaye twita Muvoma Power, ariho abenshi bibereye.

E... na none nta kuntu wajya i But... wajya i Gikongoro ngo utanyura i Butare n'iyo utahahagaze uhahagarara ugaruka, i...bibazo by'inzara... byo ku Gikongoro urumva ko bisatira Butare izo Perefegitura zombi twabibonye zagize izuba rikomeye, zigira impunzi z'Abarundi ariko zigira n'icyo kibazo nahoze mvuga cya politike e... n'akaga k'urupfu rwa Nyakubahwa GATABAZI n'urupfu rwa Nyakubahwa Maritini BUCYANA waguye hariya i Butare.

Aho rero i Butare cyane cyane mpindukiye mvuye i Gikongoro narahahagaze mpamara umwanya ugereranije, nganira n'abantu baho cyane cyane nsanga batarashira rwose icyo kintu k'igitengo, icyo kintu cy'icyunamo e... cy'urupfu rwa bariya bagabo bombi. Bambwira ijambo nafashe cyane kurusha ayandi, mbabajije ese i... mubona GATABAZI, mubona Maritini mubona abo bantu barishwe na nde? Mubona koko barishwe na nde"? Icyo ni ikibazo gikomeye gikomeje kutu... kudukomerera Abanyarwanda, ntabwo umuntu ubundi yagapfuye ni nk'ukwibye wagombye kuyoberwa aho aguhishe ariko ukamumenya ukwibye. Akaga rero dufite muri iki gihe ni ukwicirwa, ukayoberwa ukwiciye ukayoberwa ukwiciye. Ubwo rero ni ho nabazaga nti mwebwe mubona bariya bagabo bombi e... b'abarwanashyaka mu mashyaka yabo barishwe na nde? Bangarukira ku kantu k'igitangaza kuko NZAMURAMBAHO, Perezida w'ishyaka twarabivuze hano inshuro nyinshi yari yemeje yuko cyane cyane Nyakubahwa Ministre GATABAZI ngo yari yishwe na MRND.

Abanyabutare rero na kwa kureba kure kwabo bo baramubajije bati "ese yishwe na MRND koko ubifitiye ibimenyetso ngo ankete twashakaga ko zizakorwa zihagararire aha ngaha"? Aha birumvikana ko NZAMURAMBAHO nta kintu yashubije, na bo bambwiye ko n'i Butare badaherutse "kuhamuca iryera". Aha rero ngira ngo i.. nyura i Butare nari maze kubivuga icyo kintu cy'urupfu rwa GATABAZI, cy'urupfu rwa Maritini BUCYANA cyari kikibarimo bakibabaye

ndetse umuntu umwe yarambwiye ati "i Butare twagize akaga gokomeye cyane. Akaga gakomeye cyane gupfusha umuntu wacu, umwana wacu, umuntu wacu w'imena, tukongera muri icyo gihe tuga... iwacu ku muharuro", ni ko yambwiraga, ati "hagapfira umuntu nka BUCYANA". Kandi koko yambwiye ko yabonye BUCYANA yari yabaye... abamwishe ntibamwishe gusa baramubaze, uwo muntu yarambwiye ati "twaherukaga kubona intumbi nk'iyo tubona intumbi ya KAYUKU, ya Depite KAYUKA na we yapfuye muri iyo myaka igihe Inyenzi zateraga, we ngo yarapfuye... bira... Inyenzi ziramubaga mu nda... zikuramo ibyo mu nda zuzuzamo amabuye. Na BUCYANA rero na we ni nk'uko bari bamugize ngo bari bamutemye ijosi, ngo ndetse hari n'umunyamodoka ngo o... wamuciyeho aramugonga, agonga intumbi ye, babimbwiraga rero i Butare mpinduye ... (inaudible) gifaransa ibyo nakwita les bourversés, bakiri bourversés, bakiri mu icyo kintu cy'igitangaza. Nkabaza rero nti mwumva abo bantu barishwe na nde?

Aha rero u... sinavuga ngo barambwiye... abantu bishwe na runaka, na runaka, ariko wasangaga na bo bafite akantu. Nk'ako babajije NZAMURAMBAHO bati "ubona yarishwe na MRND koko turekeraho"? Aha rero Bwana GAHIGI n'abatwumva ni ho ikibazo... ni ho ipfundo risigaye. Byatumye... aho mviriye muri urwo rugendo nkompeza kwibaza nti ese ubundi aba bantu bapfuye u... ari Nyakubahwa GATABAZI, ari Nyakubahwa Maritini, ari n'abandi bababanjirije, e... GAPYISI Emmanuel wagiye akiri muto, ba RWAMBUKA, abo bantu... abo bantu baricwa na nde? Abantu bamwe baragira bati "ni nde wica abo Bahutu bo mu Nduga? Ntiyice Abahutu bo mu Rukiga? Icyo ni ikibazo.

Ese aho ubica si nka wa wundi ufata ibuye e... rimwe agatera akica inyoni ebyiri? Si wa wundi wica abo Bahutu akaba yishe Abahutu akongera akaba ashaka kubateranya n'abandi? Icyo rero ni ikibazo nakunze kugira, ni bwo ngarutse nongeye negura ibinyamakuru byanjye by'ISIBO, umuntu wandika ikinyamakuru ISIBO u... mugenzi wacu akomoka... ku Gikongoro iyo nari mvuye aho ngaho. Nyamara nasanze n'ikinyamakuru cye baragisomye na bo cyane cyane e... iriya nimero yacyo y'ijana na makumyabiri na gatandatu, aho yari yabandikiye ababwira ati "abishe GATABAZI twarabamenye". Narongeye ndagisoma nigeze kugicaho ndi hano muri RTLM ndeba ku rupapuro

rwa... rwa kane rw'icyo kinyamakuru ISIBO inimero ijana na makumyabiri na gatandatu, aho uwo munyamakuru mugenzi wacu agira ati "mu ISIBO ijana na makumyabiri na gatanu twibajije kuki hapfa Abanyanduga gusa? Kuki hapfa abatari muri MRND gusa?" Nyamara nyuma muri icyo kinyamakuru ku rupapuro rwa karindwi yanditsemo abagiye bahitanwa n'ubu bugizibwanabi bwateye, yandikamo MAYUYA wo ku Gisenyi ni na ko byanditse, yandikamo na RWAMBUKA wo muri MRND. Mu ISIBO rero tuyigarutseho nimero ijana na makumyabiri na gatandatu yandikiye abantu bose ababwira yuko abishe GATABAZI bamenyekanye avuga ko bari bane kandi ko bamutegeye hafi y'iwe, ko bamaze kumurasa babiri bazamutse biruka bagana ku Kimihurura, abo bazamutse, niba tureba aho ibintu byabereye aho ari ho, abo bazamutse ngo bakaba barageze aho bakagera ku Kimicanga. Ntabwo rero wazamuka ku Kimihurura ngo ugere ku Kimicanga. Akavuga ko abandi babiri bamanutse, bakamanuka biruka ngo bagahura n'imodoka idafite icyapa yari ihagaze, kuri Kigali Night. Kigali Night akavuga yuko ngo ari akabari e... k'umuhungu wa Perezida HABYARIMANA. Ngira ngo icyo umuntu yakuramo nk'inkuru aha ni uko aharaho ako kabari ari ak'umuhungu wa Perezida HABYARIMANA. Naho kuvuga ngo abantu birukanse bahahurira n'imodoka ihagaze ibyo byo nta nkuru irimo. Arongera... akavuga yuko muri icyo kinyamakuru mugenzi wacu ko "imodoka y'abajepe (GP)" ngo "yari itwawe n'umusirik..."

***Fin de la face A.***

**FACE B**

***(Chanson : Hymne national)***

***Orateur : HITIMANA Noël, journaliste à la RTLM***

...LM, mwaramutseho, mukomere, mukomere, ab'i Butare, Gikongoro, Cyangugu, Kibuye, Gisenyi, Ruhengeri, Byumba, Kibungo, Gitarama, Kigali-Ngali na Kigali PVK mukomere, mukomere, muraho? Ha! Jyewe rero nta maramuko, nta maramuko kubera ko ngeze aha nkasanga parquet yampamagaye, ubushize hari hahamagawe Kantano none nanjye ngo ninitabe. Reka mbasombere amatangazo yo kubika kuko yihutitrwa, nyuma ni... nyarukireyo ndebe icyo banshakira.

Umuryango (inaudible) hano i Kigali, mbaye ntare... ntararenga umuryango mpura n'itangazo rindi ribika kandi sina... sinahemuki... i Kigali...

***Orateur : Kantano HABIMANA, journaliste à la RTLM***

Ubu saa sita zirabura iminota cumi n'itanu muri studio zacu, studio za Radio yigenga RTLM ivugira i Kigali. Maze rero baca umugani ngo *"ahari abagabo ntihapfa abandi"*, *"ahari abagabo ntihapfa abandi"* rero mu gihe Bwana HITIMANA Noheli warri urimo abaganirira mu gihe agiye kwitaba kuri parike, kwitaba kwa Subusititi MUSHUMBA, ubu ngubu ndabibona arimwo arabazwa, uwamureze... nanjye nari nitabye ni... ni... NKUBITO ku bintu urebye bisa n'amazimwe y'abagore ku buryo rero nta... nta kintu mbona gikomeyemo, nta kintu mbona gikomeyemo hagati aho rero mu gihe Bwana HITIMANA Noheli arimo asobanurira neza MUSHUMBA uko ibintu byagenze, ngo ni uko ngo yaba yaravuze yuko Perezida yatsinze urubanza, e... hanyuma noneho ubwo abashaka kudutera ubwoba rero nyine baba bashaka kudutera ubwoba ngo badutitize, ngo dutinye parike, ngo twe kujya tuvuga ariko tuzavuga kandi nitutanavuga n'abandi bazavuga ni hahandi ibiriho biravugwa.

Ubwo rero hinga mbangezeho amakuru ashyushye muri kano kanya, muri kano kanya amakuru ari hano muri Kigali ni uko abanyeshuri biga muri Kaminuza, abanyeshuri biga muri Kaminuza Faculté y'ubu... y'amategeko iri i Mburabuturo hano i Kigali ubu bari mu myigaragambyo. Bari mu

myigaragambyo bafunze imihanda, bafunze imihanda ijya ku ishuri ryabo ni n'umuhanda umwe uva i Gikondo n'utundi duhanda dutoya tu... tw'i Gikondo n'amayira hanyuma... mbere yo kureba impamvu y'iyo myigaragambyo gusa abaturage barimwo baravuga bati "ibyo ari byose abanyeshuri bari mu byo... mu byo barimo nibatureke twihitire"! Ariko rero ngo barimo barabuza... hum umuntu wize vraiment, barimwo barabuza abaturage kujya kwihahira no kugira gute, umuntu wize kubona atangira umuturage wifitiye agatebo k'udu... k'utujumba ajya guhaha ndakeka yuko ibyo bintu bigayitse.

Ngo icyo abo banyeshuri rero bavuga, baravuga ngo babuze amashyanyarazi. Kubura amashyanyarazi... muri ELECTROGAZ maze kubabaza barambwira bati "muri ELECTROGAZ ducuruza amashanyarazi, twaba dufite amashanyarazi tukayimanira iki? Amashanyarazi yarabuze, impamvu zayateye zirahari ibyuma byarahiye, ibindi byarapfuye, ibindi Inkotanyi zarabishenye". Ubwo rero abantu bavuga ngo amashanyarazi arahari Electroz... ELECTROGAZ ikayimana ntabwo bazi ko ELECTROGAZ icuruza uwo muriro ku buryo iwufite nta hantu ifite iwubika handi, handi nta... nta sanduku iyaf... iwufungiramo ni ukuvuga rero yuko nta muriro mu by'ukuri uri muri iki gihugu, ni muke cyane ku buryo ELECTROGAZ iwusaranganya uko ishoboye kandi birumvikana Ntaruka yarasenyutse, Rusizi yara... yarahagaze, iki byose. None se umuriro wava he handi mu by'ukuri abantu bacishije mu gaciro?

Abanyeshuri rero b'i Mburabuturo bo baravuga bati "ntabwo dushaka ibizami byo ku wa gatanu kubera ko twabuze umuriro wo kwiga". Nyamara Directeur we a... umutegetsi wa Faculté we akababwira ati "bon noneho mujye mubikora ku wa gatandatu hanyuma ku wa gatanu mwe kwiga, ku wa gatanu mwe kwiga noneho mujye... mujye noneho mwirirwa mwiga ku manywa kuko nta muriro. Muze gukora ibizami ku wa gatandatu". Bati "ntabwo bishoboka". Ni yo mpamvu rero

abantu barimwo babo... babibonamo ibintu by'ubukotanyi, ibintu y'i...byo gusabota ibintu byose kugira ngo nyine bikomeze bifatanye n'ibi ngibi by'Inzibacyuho noneho bikomeze bibe akaduruvayo. Ubwo rero ndakeka yuko abashinzwe umutekano ni ikibazo cyabo, ni ikibazo cyabo kuko abaturage b'i Gikondo na bo bakeneye guhita mu mihanda ngo bigendere yenda bagende bafunze amashuri, bafunge amashuri ariko gufunga imihanda ngo kuko wabuze amashanyarazi yo kujya mu ishuri ngo wige simbona impamvu ari ngombwa ku...funga umuhanda.

Ubwo rero ayo ni yo makuru ashyushye hano i Mburabuturo, gusa abantu nyine barabibonamwo ibintu by'ubukotanyi kugira ngo nyine ibintu bikomeze bigende nabi mu mugi, iki byose, ubwo ngubwo abantu babishinzwe ni ukubikurikiranira hafi.

Hanyuma... ye... akandi gakuru, akandi gakuru... urebye ni abantu bavuga bati "umushoferi wa ONATRACOM muri iki gitondo yakoze amarorerwa avuye ku Kicukiro". Hum! Amarorerwa mbese ni uko muri iki gihe abantu bose basigaye bareba, bakanuye ku buryo mu Nzibacyuho uwashaka gukora ibyo ashaka nyine bimugwa nabi. Ubwo rero baravuga bati "bisi, otobisi yari ivuye ku Kicukiro ni... muri iki gitondo A mirongo itatu n'icyenda makumyabiri na gatandatu, otobisi A mirongo itatu n'icyenda makumyabiri na gatandatu yari ije izanye e... yari imaze kugeza abakozi... e... yari ijyanye abakozi, hanyuma noneho igarutse ivuye ku Kicukiro ngo convoyeur yari yamaze amatike hum, convoyeur yari yamaze amatike noneho abantu bakajya bamuha amafaranga ayashyira mu mufuka. Ubwo rero ni ikibazo cy'ubuyobozi bwa ONATRACOM ndakeka yuko niba uwo mushoferi yaramukanye umwaku ayo makosa ndakeka ko aza kuyabazwa. Ariko rero na none ni ikibazo ese iyo convoyeur amaze amatike azajye afunga bisi, azajye afunga bisi hanyuma yigendere? Ajye afata se ikari... i... ikarine cyangwa ikaye nini nk'iy'abana bajyana kwiga yandikemo abantu bamuhaye amafaranga. Bizajya bigenda bite? Kuko na none kugira ngo bisi yagiye i Kanombe amatike nahashirira e... bate abantu yo bakinze na none ntabwo byumvikana. Ibyo rero ni ukureba na none uko abantu babi... babisobanura, niba uwo mushoferi yayakubise mu mufuka ee... ariko akajyana abagenzi (arasetse) jye ku giti cyanjye ndakeka ko yagize neza yatwaye abagenzi yenda ubwo nagera kuri ONATRACOM arababarira hanyuma yisagurire agacupa nabwo ntabwo ari bibi. (arasetse)

...vugira hano i Kigali. Ubu ni saa tatu n'iminota... cumi n'ibiri, saa tatu n'iminota cumi n'ibiri muri studio za Radio yigenga RTLM . Mu by'ukuri muri iki gitondo mwazindukanye na HITIMANA Noheli ariko rero mu kanya yitabye ka... parike kandi mu kinyarwanda baravuga bati *"ahari abagabo ntihapfa abandi"*, ubu rero nanjye hinga mbe mbaganirira mu gihe tukimutegereje kuko mu by'ukuri ibyo bamutumiriye ni nk'ibyo bari bantumiriye ni amazimwe nk'ay'abagore gusa ni abantu ubona bagamije kudutera ubwoba n'icyocyere ku buryo rero urebye ni byo bita intimidation ubundi nta birego birimo, nta n'ibiburanwa biri aho ngaho.

Aa! Mu kanya nari mvuze umushoferi wa ONATRACOM, ONATRACOM rero abantu burya... abantu ni abantu, hum, abantu ni abantu kandi n'iyi Radio yanyu ni iy'abantu, ubwo rero mu kanya nari mvuze umushoferi wa ONATRACOM ba...regaga ngo "kuba yaba yariye amatike" hein ko yaba yariye amati... nako ngo ntiyariye amatike ahubwo amatike ngo "yaba yamushiriye noneho akaka amafaranga yishyirira mu mufuka". Mu by'ukuri rero uwo mugabo MUNYAGASIZA Fideli, MUNYAGASIZA Fideli ni we watwaye abo ba... abo bakozi, amaze kungezaho ibisobanuro bihagije, bihagije anyereka n'amatike, anyereka n'ibindi bintu byinshi, ambwira ati "barandenganya jyewe nabonye gusa amatike ashize ndafunga, mfunga imiryango, mfunga imiryango ya bisi ndiyizira" ati "kubera ko amatike yari anshiranye" ati "ahubwo abantu banyinginze ngo nimbandike mu ikaye", ati ndabyanga kuko binyuranye n'amategeko ya ONATRACOM" ati "mu by'ukuri rero rwose ahubwo abatelefonnye" untelefonnye koko ni umugore, aravuga ati "abaterefonnye ahubwo ni abo nataye bari bambwiye" bati "mbandike mu ikaye", mbabwira ko binyuranye n'amategeko nuko ndigendera. Ati "rero ubwo ngubwo basigaranye agahinda noneho bati "henga tumwiturire kuri RTLM". Maze rero umubyeyi koko untelefonnye hum, na we agire isoni, na we agire isoni kuko uko umushoferi ambeshye k'uwo mo... umubyeyi arambwiye ati "ndetse uwo mushoferi agomba kuba afite nk'ibihumbi bitanu", ariko aransobanuriye anyereka tike, tike ni mirongo itatu kandi bisi ijyamo abantu mirongo inani, urumva rero yuko ayo mafaranga ntiyagera ku bihumbi bitanu. Ndakeka yuko ubwo twumvikanye n'abayobozi ba ONATRACOM bumva Radio RTLM, ndakeka yuko bumva yuko MUNYAGASIZA Fideli koko (arasetse) yarenganye, yarenganye. Hanyuma rero uwo mubyeyi na we ubutaha niyongera kugira agahinda ajye rwose hein na... nabona bidakomeye ntakajye yiririwa

agatura RTLM. Ni byo koko ni radio yumva agahinda kanyu ariko rero... (arasetse) agahinda kose ntikwa... ntiwakayitura hum, ntiwakayitura ngo bishoboke ashwi. Ibyo rero ni ukubyihanganira!

Abanyeshuri, abanyeshuri bo mu... mu.. abanyeshuri bo mu Rwanda, abanyeshuri b'Abanyarwanda biga mu Bubiligi bamaze gushyira ahagaragara itangazo, itangazo nimero makumyabiri, itangazo makumyabiri rero abo banyeshuri muri make, itangazo ryanditse mu gifaransa, "la communauté des étudiants rwandais en Belgique", hu...bo baravuga yuko bishimiye... bishimiye mu by'ukuri ibintu aba... umunyamabanga mu... u... uhagarariye Umunyamabanga mukuru wa OUA, Bwana Roger Booh Booh, a... uhagarariye umuhuza, uhagarariye abasenyeri, ba ambasaderi b'ibihugu byadufashije kugera ku masezerano y'Arusha batangaje ku itariki makumyabiri n'umunani z'ukwa gatatu mirongo cyenda na kane. Bo rero baravuga bati "mu by'ukuri iryo tangazo ni très digne". Iryo tangazo ni très digne ni ukuvuga rwose yuko rifite ireme, ko baryishimiye cyane hanyuma noneho bakaba bakeka ko abantu baza... abashinzwe ibya politike ari ryo bazagenderaho kugira ngo bakemure ibibazo bidindiza ishyirwaho ry'Inzego z'Inzibacyuho.

Mu numero ya kabiri yabo baravuga bati "ibyo ari byo byose... ibyo ari byo byose twamaganye Madame Ministre w'Intebe e... Madame Ministre w'Intebe ufata Inzego z'Inzibacyuho akazibrada ni ukuvuga kubrada ni nko gutera inyoni, ni ugutera inyoni ati "ibyo ngibyo binyuranyije no kugira ngo bizane ubwiyunge bw'Abanyarwanda" e... ati "ubwi... ubwiyunge bw'ananya...", bati "ubwiyunge bw'Abanyarwanda rero ntibwageraho gutyo inzi... ntibwagerwaho Inzego z'ubutegetsi e... zigiyeho uko zishaka, uko zibonye zikurikije icyifuzo cya Madame le Premier Ministre UWILINGIYIMANA Agata". Abanyeshuri rero bari mu Bubiligi na none baravuga yuko Inkotanyi, Inkotanyi zigomba kwirinda kubwira Madame UWILINGIYIMANA Agata ibyo gu... agomba gukora uhum, bati "kuko bigaragara yuko yabaye igikoresho". Bati "imyitwarire nk'i... imyitwarire nk'iyo ya FPR na Madame UWILINGIYIMANA Agata ishobora gutuma inzego nako i... amasezerano y'Arusha azamo ingorane". Hanyuma icya kane rero abanyeshuri bari mu... b'Abanyarwanda bari mu Bubiligi baravuga bati "ibyo ari byo byose twizere yuko abantu bose bazumva ukuri kwatangajwe n'abo ba... basenyeri (arakoroye) n'abandi bantu bahagarariye Imiryango mpuzamahanga mu gitekerezo cyabo

bashyize ahagaragara kuri makumyabiri n'umunani z'ukwa gatatu bavuga bati "ibyo ari byose ishyaka CDR nta kuntu ritajya mu Nzego z'Inzibacyuho kuko ari ko biteganywa n'amasezerano ya Arusha.

...ne baba badashaka yuko bumva ukuri ugasanga baravuga bati "uzafungura RTLM ni akazi ke". Nuko ugasanga... ukibaza abo bantu, abo ba directeurs b'ayo mashuri niba bakunda démocratie, ugasanga nyine ari amayoberane ntibatume abana bumva ukundi kuri. Ibyo rero na byo ni uburyo bwo kuniga demokarasi, abana bajye batubwirira abadirecteurs nkabo tubamagane kuko bababohera mu kintu kimwe bigatuma batamenya ukundi kuri. Ubwo rero hari ahantu ku mashuri amwe bavuga bati "mufungure aha gusa, ntihagire urenzaho, ntiba... ntihagire ushaka ijana na gatandatu cyangwa mirongo cyenda na kane", abo banyeshuri bose rero banigwa gutyo turabibuka mu biruhuko mujye mwidagadura na Radio yanyu RTLM hanyuma mwumve ukundi kuri, mwumve andi majwi, mwumve n'abandi bantu.

... ivugira i Kigali, ubu saa yine zirabura iminota hafi icumi, saa yine zirabura hafi iminota icumi, murakoze abanyacyangugu mudutelefona mutubwira yuko muri mwumva Radio yanyu RTLM ngo kurara umuntu atumvise RTLM ni nko kurara ubusa, mukomeze mwumve Radio yanyu RTLM, ariko hari Umurundi ubaza ati "imodoka yacu mwavuze ko yabonetse, iri he"? Ibyo ari byo byose hano haje umuntu arambwira ati "imodoka y'Abarundi mwarangishije nayibonye". Uwo muntu sinongeye kumuca iryera ariko rero ibyo ari byo byose nasaba Mani pawa kumenyesha Mani pawa Kimaranzara uwo akambwira neza iyo modoka ahantu yagiye kuko Abarundi barimwo bayishaka cyane kandi hari umuntu wari waje kumbwira yuko iyo modoka yabonetse. Ubwo rero abumva Radio RTLM iyo modoka y'Abarundi yari yarabonetse ariko na none sinzi ahantu iri hein, ntabwo byumvikana!

Inkuru rero ikomeje kuvugwa hano i Kigali urebye ni inkuru iri ku gasozi k'i Mburabuturo muri iki gitondo rero kuva muri iki gitondo saa kumi n'ebyiri abanyeshuri bo muri Kaminuza Ishami ry'amategeko i Mburabuturo bahagaritse amasomo, impamvu... impamvu batanga ndazifite hano ngo barinubira ibura ry'umuriro kandi Kaminuza ntiyigere igira icyo ikora kugira ngo nibura bashake

groupe électrogène. Ngo barifuza yuko iryo shami rya... rya droit ryahabwa ubwisanzure mu gufata ibyemezo no kwicungira umutungo autonomie, hanyuma ngo horaires z'amasomo n'ibizami bikunda kubatungura kandi bafite u...bafite uhabaga...hagarariye, ngo imyigaragambyo irakorwa mu ituze usibye ko inzira zijya i Mburabuturo mu kigo zifunze, imyigaragambyo izahagarara ngo ari uko babonye ibisubizo by'ibibazo byabo, hanyuma ngo barasaba kandi ko hatagira umuntu uza kubyivanga utagira aho ahuriye n'ubutegetsi e... bw'amashuri makuru. Iyo myigaragambyo yategu... yateguwe ngo n'abanyeshuri ubwabo nta n'umwe mu Miryango yabo LIDER cyangwa AJEUNR ubyivanzemo, abakozi basanzwe bemerewe gukomeza imirimo yabo ngo usibye yuko ngo abarimu badashobora kwigisha. Ngibyo iby'iyo myigaragambyo y'i Mburabuturo hanyuma ubundi hinga nkomeze...

RTLM ivugira i Kigali ni saa yine n'iminota makumyabiri muri studio za Radio RTLM yigenga ivugira i Kigali. Radio yanyu rero mu minsi iri imbere izajya itangira saa kumi n'ebyiri hum, mukaganira noneho tuzindutse kugeza isaha ntazi yo ku munsi hanyuma noneho tukongera na none guhura saa kumi n'ebyiri.

Itangazo ryo kumenyesha, itangazo ryo kumenyesha ariko mbere y'ama... mbere y'ama...tangazo yo kumenyesha hinga mbagezeho udukuru tuba tumaze kutugeraho muri kano kanya. (arakoroye) Hum! Yayayaya! Uhum, ishyaka... noneho Madamu UWILINGIYIMANA Agata, Madamu UWILINGIYIMANA Agata ibikundanye birajyana na we agiye kuregwa mu nkiko, Madamu UWILINGIYIMANA Agata, Ministre w'Intebe wa Gouvernement yaheze mu cyuho agiye kuregwa mu nkiko azize iki ? Azize gutuka ishyaka CDR, ishyaka ry'Impuzamugambi riharanira Repubulika nk'uko ribimenyesha mu rwandiko ryanditse ejo, ishyaka CDR rirasaba Directeur wa ORINFOR mbere na mbere kubanza kubaha uruhusa, kubanza kubaha uruhusa rwo kuvuguruza ibyo Madamu UWILINGIYIMANA Agata yavuze, avuga ngo "ishyaka CDR ryaratsembatsembye". Hum! Ishya... ngo "ishyaka CDR ryaratsembatsembye". Iryo jambo nyine Abanyarwanda baribajije ese Madamu UWILINGIYIMANA Agata azi Ikinyarwanda? Gutsembatsemba n'ahavuye... n'ahakozwe amarorerwa, n'ahakozwe amarorerwa hose iyo ukoresheje iryo jambo ukavuga gutsembatsemba ni

ukuvuga yuko nta n'inzu ihasigaye, nta n'ibuye byose byose ibintu by'Abatutsi babimazeho nuko rero Madamu UWILINGIYIMANA Agata yabivuze kuri Radio Rwanda ejo bundi mu kiganiro yagiranye n'umunyamakuru avuga yuko CDR yatsembatsembambye arabyemeza, arayirega none ishyaka CDR rigiye kumujyana mu nkiko kugira ngo abisobanure. Ha! Ni cyo cyabashobora. Ni cyo cyabashobora.

Irindi tangazo, irindi tangazo : Ishyaka MDR, Mouvement Démocratique Républicain, Ishyaka riharanira ubutabera n'umurimo MDR Paremehutu ivuguruye rimaze kohereza Madame Ministre w'Intebe, Madame UWILINGIYIMANA Agata ibaruwa, ibaruwa imumenyesha yuko byanze bikunze, byanze bikunze... byanze bikunze hagomba kurahira Depite KAMALI Sylvestre, hagomba kurahira KAMALI Sylvestre kubera yuko byanditse mu gifaransa hein ngo huissier... a a... mbese a a... baravuga bati "ibyo ari byo byose hari ikintu bamuhaye kitwa exploit de notification" bati "byanze bikunze rero ni Depite KAMALI Sylvestre ugomba kurahira" bati "rwose ibyo ubimenye, ubimenye dore n'abacamanza barabikwibutsa" ariko wa mugani niba u Rwanda rugomba kugendera ku gihu... kuba igihugu kigendera ku mategeko, hum, ubundi iyo abacamanza exécution provisoire ni ibintu bisanzwe bikorwa mu nkiko hose, iyo rero umucamanza yabivuze gutyo kugira ngo hataba icyo kintu hagomba kuza ikintu bita suspension d'exécution hanyuma rero icyo kintu Madamu Agata ntiyiriwe acyerekana gusa ni ukuvuga ngo "ni" ngo "ni ya lisite yo kuri cumi n'icyenda" ubwo rero twizere yuko azumva inama z'aba... z'aba...duhagarariye hano ku byerekeye CDR akumva inama z'abandi bantu bose n'Inkotanyi zikabyumva yuko ibyo byo guca hirya no hino by'amacenga, by'amacakubiri, by'amacabiranya ntabwo ari byo byubaka ubumwe bw'igihugu ariko rero ikintu... kimwe ni iki... n'iki... kibazo cy'ishyaka CDR nirirega Madame UWILINGIYIMANA Agata, ubwo rigiye kumurega, ubwo rigiye kumurega mu nkiko ndakeka yuko na byo ni byo nta muntu ukwiye guhagarara imbere y'a... y'abantu benshi kuri Radio Rwanda cyane cyane ari umunyacyubahiro, ari umunyapolitike ngo wumva ari mu Rwego ruhanitse ngo noneho atinyuke kuvuga ngo ishyaka CDR ryaratsembatsembye, bazamubaze ibimenyetso, nzarebe aho abikura hanyuma noneho, him, bariya bantu ni cyo cyabahima, hu... cyo cyabashobora nta buryo buryo. Hinga mbagezeho... (inaudible)

...twa komeje kubikurikiranira hafi, hein, kubikurikiranira hafi, hari ahantu hariya kuri parike bicaza umuntu mu biti, nabonye barahabashyiriye imbahu, nuko noneho umuntu bakamuzanira akagufuri bakamushyiraho nuko akaba arumiwe kandi bari bamuhamagaye ari ugukina. Ubwo rero turategereje tureba ariko twizere ko HITIMANA Noheli mu kanya ari hafi kugera hano (aseka), ari hafi kugera hano adutekerereze iby'i... ingorane ze.

Gusa mbibutse yuko Madamu UWILINGIYIMANA Agata, Madamu UWILINGIYIMANA Agata ibikundanye birajyana ari hafi kujya mu nkiko, agiye gushyikirizwa inkiko kubera gutuka ishyaka CDR akoresha amagambo ateye ubwoba ngo "ishyaka CDR ryaratsembatsembye". Ubwo rero mu nkiko bazamubaza ibimenyetso ubwo ajyanye na TWAGIRAMUNGU Fawusitini, bagiye kugenda bajurira... bajurira... nuko kuzageza hehe ubwo ariko ni cyo cyabahima iyo umuntu avuga amagambo atabanje gukontorola, atabanje kwisubiraho, ubwo rero ni ko bigomba kugenda.

Ishyaka MDR ryandikiye itariki makumyabiri n'umunani z'ukwa gatatu mirongo cyenda na kane ibaruwa Ministre w'Intebe... Ministre w'Intebe rim... rimubwira yuko byanze bikunze nta kundi byagenda Depite wa MDR ku Gisenyi ari KAMALI Sylvestre, ari KAMALI Sylvestre kandi ko ari we ugomba kurahira... kurahira kubera ko e... Madamu UWILINGIYIMANA Agata inkiko zamushyikirije exploit de notifica... de notification, hum, ivuga yuko KAMALI yatsinze urubanza yaburanaga noneho baravuga rero bati "ainsi donc rien ne s'oppose plus à la prestation de serment du candidat Député KAMALI Sylvestre tant qu'il n'y aura aucune ordonnance de suspension d'exécution de jugement rendu en sa faveur". Hu..nguko uko ibintu bimeze umenya wenda birimo bijya mu buryo kandi n'abantu na bo babeshya ngo igihugu ngo kigendera ku mategeko ko bagomba kuyakurikiza cyangwa se bi...kakabanira, kakabahagararana bikarangira. Mukomeje kumva Radio yigenga RTLM ivugira hano i Kigali ubu ni saa yine n'iminota mirongo itatu.

..gane la Comète hanyuma abandi mwihutire kurangisha ibintu byanyu, ibintu byanyu kwa Mukeba ni ho bajya bavuga bati, ariko ni umugani wa kinyarwanda si kwa MUKEKA gusa babivuga... ishyaka CDR... ishyaka CDR rigiye gushyikiriza Madame UWILINGIYIMANA Agata, Ministre w'Intebe

wa Gouvernement yaheze mu cyuho, ko rigiye rero kumushyikiriza ubucamanza kubera kuribeshyera akoresha amagambo ateye ubwoba, ateye ubwoba avuga ngo "ishyaka CDR ryaratsembatsembye".

Ubwo rero Madamu UWILINGIYIMANA Agata azajya kwerekana aho batsembatsembye ariko cyane cyane amenye ko iryo jambo gutsembatsemba bivuga gukuraho byose n'i... n'ibuye n'inzu n'iki, ariko uko tubizi ari i Kibirira, ari... e... ari i Kibirira, ari i Gi... ari i Gisovu, ari i Bugesera, ari hehe, abakoze amarorerwa barazwi, barazwi, kuvuga rero yuko ngo "aho hantu na ho bahatsembatsembye Abatutsi" ndakeka yuko ibyo bintu by'amakabyankuru, ibyo bintu byose by'amakabyankuru kandi biturutse ku mugore u... uvuga ngo afite umwanya munini mu gihugu nabyo agomba kubibazwa kuko hari abantu rwose muri iki gihugu ugira ngo ntibazi politike, ugira ngo ntibazi politike, poli... politike y'agasuzuguro yo gusebanya, y'ubushizibwisoni, ibyo byose rero bagomba kubibazwa n'inkiko, kuko birenze kamere.

Inkotanyi rero... Inkotanyi na none ku kibazo cya CDR zabuze icyo zivuga muri Radio yabo Muhabura ubu ngubu bamaze gutangaza yuko... batangaje yuko ngo "ishyaka CDR rigomba kujya gupfukama ku Mulindi, rigomba kujya gupfukama ku Mulindi rigasenga risaba imbabazi" ngo "inyandiko" ngo "ntihagije" ngo "hanyuma noneho" ngo "bakareba" ngo "rwose uko babi... babireba" hum! Nimundebere rero rwose umuntu uvuga ati "ndaharanira Abahutu, ndaharanira Abahutu" apfukamye imbere y'Abatutsi ku Mulindi bamuciragura, bamuseka hum nizere ko nta we wuzajyayo!

Naho umugabo BIZIMUNGU Pasteur byamushoboye, uriya BIZIMUNGU Pasteur uri mu bishe amasezerano y'Arusha akayazambya kugeza ubwo ananirwa gukurikizwa, Pasteur rero BIZIMUNGU kubera guharanira imyanya... kubera guharanira imyanya y'ubuministre n'ibiki byose ubu ngubu we amaze gutangaza yuko ngo abazungu, ba ambasaderi, abapadiri, buje... Roger Booh Booh ngo "ntago bazi gusoma amasezerano y'Arusha", ngo "iyo bayamenya kuyasoma" ngo "ntibaba baratangaje kiriya cyemezo cy'uko CDR igomba kujya mu Nteko Ishinga Amategeko". Ngo " iyi ngingo ya mirongo inani na rimwe" ngo "ireba andi mashyaka" ngo "ariko CDR" ngo "ntirageza mu Rwego rw'amashyaka". Mbese mu by'ukuri babuze icyo bavuga, barimo bararya iminwa kuko

amahanga yabatereranye, yabateye utwatsi, barumiwe, barihebye kubera ko amasezerano y'Arusha bigaragara yuko ari bo bayashyiramwo inzitizi, ni bo bayashyiramo inzitizi bayica ubundi bakabeshya bya bindi byo guhirika ikibuye, hum, murabyibuka.

Hagati aho na none ku byerekeye Inkotanyi abantu b'i Nyamata baraterefonnye bavuga bati "ntabwo bishoboka twe dukomoka..twe dukomoka... mu... muri Segiteri Murama na Muyenzi", ni muri Komine Kanzenze mu Bugesera aho ni Amasegiteri yo muri Kanzenze atuwe n'Abatutsi benshi cyane... benshi cyane akenshi b'impunzi bakomotse za Gikongoro, Gitarama na he, aho bantu rero baratubwira bati "mutubarize aba Batutsi bari i Nyamata uwitwa MUNYAKAZI, KAGESERA, Muke... MUKEZANGANGO, TWIZELIMANA bakomotse muri Murama na Muyenzi hanyuma none bataye amasambu yabo bari hano i Bugesera, bibera mu mugi i Nyamata ngo ni impunzi ariko mubatubarize icyo bahunga hanyuma ubundi basubire mu ngo zabo.

Hinga nsuhuze abantu bo muri... Segiteri Mwendo, Nkanga na Rweru, aa! Aho ni muri Komine... Gashora, ni muri Komi...

***- Fin de la cassette -***